Our Ref 1676/RRA/CG/TPS/021. Date 03 NOV 2021
Your Ref :

**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU**

**Abasora bo mu Ntara y'Amajyepfo bashimiwe ubwitange bagaragaje mu gusora uko bikwiye n'ubwo bari mu bihe bikomeye bya Covid-19.**

Kuri uyu wa Gatatu taliki ya 03 Ugushyingo 2021, mu birori byo kwizihiza ukwezi kwahariwe gushimira abasora, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), cyashimiye abasora bo mu Ntara y'Amajyepfo, ubwitange bagaragaje mu gusora neza, n'ubwo ibihe barimo bitaribyoroshye kubera icyorezo cya Covid-19.

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, cyatangaje ko mu ntara y'Amajyepfo hakusanyijwe amafaranga aturuka mu misoro n'andi atari imisoro angana na miliyari **44.5 Frw** ku ntego y'umwaka 2020/2021 RRA yari yahawe ingana na miliyari **43.2 Frw**. Iyi ntego yagezweho ku gipimo cya **102.9%.** Ni ukuvuga ko harenzeho miliyari **1.3 Frw**. Ugereranyije n'umwaka wa 2019/2020, amafaranga yakusanyijwe yiyongereye ku kigero cya **11.2%.** Imisoro yeguriwe inzego z'ibanze wakusanyijwe ungana na miliyali **10.6 Frw**, ku ntego ikigo cyari cyahawe ingana na miliyali **10.7 Frw**. Iyi ntego yagezweho ku kigero cya **98.7%.**

Naho mu gihembwe cya mbere (1) cy'umwaka w'isoresha wa 2021/2022, ku rwego rw'intara y'Amajyepfo, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyakusanyije amafaranga aturuka ku misoro n'andi atari imisoro angana na miliyali **9.4 Frw** ku ntego Ikigo cyari cyahawe ingana na miliyali **11.7 Frw**, bingana na **80.%.** N'ubwo intego itagezeweho ariko, ugereranyije n'igihembwe cya mbere (1) cya 2020/2021, umusoro **wiyongereyeho 3.0%.** Muri iki gihembwe kandi, imisoro yeguriwe inzego z'ibanze yakusanyijwe ingana na miliyali **2.1 Frw**, mu gihe intego yari miliyali **2.0 Frw**, bingana na **103.3%.**
Mu mwaka wose wa 2021/2022, Intara y'Amajyaruguru irasabwa kwinjiza imisoro y'imbere mu gihugu (domestic taxes) ingana na miliyari **52.4 Frw**; naho imisoro n'amahoro byeguriwe inzego z'ibanze ni miliyari **11.1 Frw**.

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro gihamya ko gishingiye ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti "**Dufatanye Kuzahura Ubukungu**", ndetse n'imikoranire myiza n'abasora, intego y'uyu mwaka izagerwaho nk'uko byagaragajwe n'umusaruro wa 2020/2021.

Ku bufatanye bw'abasora na Leta, hashyizeho ingamba zo kuzahura ubukungu "Manufacture and Build to Recover Program", Ikigega cyo kuzahura ubukungu (Economic Recovery Fund), n'ibindi..., ibi bikaba bitanga ikizere ko ntakabuza n'intego y'uyu mwaka izagerwaho ku kigero gishimishije.

Ibirori byo kwizihiza ukwezi kwahariwe gushimira abasora bikazakomeza mu ntara zose z'igihugu, hishimirwa ibyagezweho ndetse hazanafashwa abaturage bo mu ka Karere ka Rubavu bagizweho ingaruka n'imitingito n'iruka ry'ikirunga cya Nyiragongo.

Ibirori nyamukuru byo ku rwego rw'igihugu bizizihirizwa mu Mujyi wa Kigali kuri "Intare Conference Arena" ku itariki ya **19/11/2021**.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara **UWITONZE Jean Paulin, Komiseri Wungirije Ushinzwe Abasora** kuri **0783 099 299** cyangwa ukoresheje e-mail kuri **jeanpaulin.uwitonze@rra.gov.rw**

**BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal**
**Komiseri Mukuru**

RWANDA REVENUE AUTHORITY RRA P.O BOX3987 KIGALI

HERE FOR YOU TO SERVE



Scanned with CamScanner

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
KG 4 Ave 8, Kimihurura, P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda

**PRESS RELEASE**

Our Ref: 1676/RRA/CG/TPS/021. Date: 03 NOV 2021

Your Ref: ..................................................

**RE: RRA APPRECIATES SOUTHERN PROVINCE TAXPAYERS' COMPLIANCE DURING 2020/2021, DESPITE THE CHALLENGES FACED DUE TO COVID-19.**

On Wednesday, November 3, 2021, during the Taxpayers' Day celebrations in Muhanga district, Rwanda Revenue Authority (RRA), recognized and awarded taxpayers from Southern Province for their tax compliance despite the challenges faced due to Covid-19 pandemic.

The Authority revealed that in the Southern Province, tax and non-tax revenue collection for fiscal year 2020/2021 amounted to **Rwf 44.5 billion** against the target of **Rwf 43.2** billion, which represents a performance of **102.9%.** There was an increase of **11.2%,** compared to the year 2019/2020.
Local taxes collected amounted to **Rwf 10.6** billion, while the target was **Rwf 10.7** billion. This goal was achieved at a rate of **98.7%.**

In the first (1) quarter of the fiscal year 2021/2022, at the Southern Province level, tax and non-tax revenue collection amounted to **Rwf 9.4** billion, against the target of **Rwf 11.7** billion, equivalent to a performance of **80%.** Although the target was not achieved, if compared to the first (1) quarter of 2020/2021, there has been an increase of **3.0%** in revenue collections. Local government taxes collected during this quarter amounted to **Rwf 2.1** billion, while the target was **Rwf 2.0** billion.

For the fiscal year **2021/2022**, the Southern Province has a target of collecting domestic taxes amounting to **Rwf 52.4 billion,** while Local government tax target is **Rwf 11.1** billion.

Considering this year's theme "***Moving Forward Together for Economic Recovery***", and the strong collaboration between taxpayers and the Government, the Authority is optimistic that the 2021/2022 target will be achieved.

In collaboration with taxpayers, the government introduced initiatives aimed at protecting the business community from the effects of Covid-19 pandemic, including the "Manufacture and Build to Recover Program", the Economic Recovery Fund, etc. This affirms the hope that this year's target will undoubtedly be reached.

The taxpayer appreciation month was launched on 28th October at Kigali Marriot Hotel, and will continue in all provinces, celebrating success and supporting business communities in Rubavu District who were affected by the earthquake and the volcanic eruption.

The provincial taxpayer celebrations will culminate with the Grand National event slated for **November 19th 2021** at Intare Conference Arena.

For more information contact Jean Paulin UWITONZE, Deputy Commissioner, Taxpayer Services on email: **jeanpaulin.uwitonze@rra.gov.rw** or via telephone on **0783099299**.

-END-

RWANDA REVENUE AUTHORITY RRA PO BOX3987 KIGALI

**BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal**
**Commissioner General**



Scanned with CamScann